

RWANDA / JUDGMENT

UBUSHINJACYAHA vs KARIMUNDA

RPAA00219/2024/CA

COURT

Court of Appeal

DECIDED

27 May 2025

CASE / FILE NUMBER

RPAA00219/2024/CA

Source: amategeko.gov.rw · Research copy typeset by Esheria. Not court-issued or certified.

UBUSHINJACYAHA vs KARIMUNDA

- Source: Amategeko
- Section: Decisions (Judgements)
- Date: 2025-05-27
- Case/document no.: RPAA00219/2024/CA
- Collection: Court of Appeal

Text

Page 1

UBUSHINJACYAHA vs KARIMUNDA [Rwanda URUKIKO RW'UBUJURIRE – RPAA00219/2024/CA (Rutazana, P.J.) 27 Gicurasi 2025] Amategeko Mpanabyaha – Gutandukanya umugambi w'ubwicanyi no gukubita no gumeretsa ku bushacye – Mu kumenya niba uwakubise undi ku bushake yari afite umugambi wo kumwica cyangwa niba yari agamije gusa kumukubita cyangwa kumukomeretsa bisuzumirwa mu cyakoreshejwe (intwaro ishobora kwica) mu kumukubita no ku gice cy'umubiri cyakubiswe (mu cyico) Amategeko Mpanabyaha – impamvu nyoroshyacyaha – uburemere bw'icyaha – Urukiko ntirutegetswe kwemeza impamvu nyoroshyacyaha igihe cyose zigaragajwe ngo rugabanyirize uregwa igihano, ahubwo ruzemeza mu bushishozi bwarwo, kandi rukaba rushobora no kwanga kuzemeza nk'impamvu ngabanya gihano, rushingiye ku mikorere y'icyaha uregwa akurikiranyweho cyangwa uburyo yagikozemo. Incamake y'ikibazo: Urubanza rwatangiye Ubushinjacyaha burega Karimunda mu Rukiko Rwisumbuye rwa Gicumbi bumukurikiranyeho ubwinjiracyaha mu cyaha cy'ubwicanyi, busaba ko kimuhama agahanishwa igifungo cya burundu. Karimunda yaburanye avuga ko atakubise Mukangendo isuka, ko ahubwo yamusabye umuti w'umwana undi aramusunika Karimunda nawe ahita amusunika agwira amasuka yari aho mu nzu. Urukiko mu rubanza RP00007/2020/TGI/GIC rushingiye ko Karimunda

yemeye mu bugenzacyaha ko igikomere Mukangendo afite gikomoka ku gukomeretswa n'isuka; ubuhamya bwa Mukangendo umushinja ko yamuhondaguye isuka mu mutwe, imvugo z'abatangabuhamya bemeza ko yamukubise isuka mu mutwe, n'ifoto igaragaza uko Mukangendo yakomerekejwe mu mutwe, rwemeje ko Karimunda ahamwa n'ubwinjiracyaha mu cyaha cy'ubwicanyi rumuhanisha igifungo cy'imyaka 25. Karimunda yajurirye Urukiko Rukuru avuga ko ibikorwa yakoze bigize icyaha cyo gukubita no gukomeretsa kuko atari agambiriye kwica Mukangendo, asaba Urukiko kwemeza ko ari cyo kimuhama kandi rukamugabanyiriza igihano. Ubushinjacyaha buvuga ko ubujurire bwa Karimunda nta shingiro bufite kuko ibikomere Mukangendo Béatrice yatewe bigaragaza ko Karimunda yamukubise isuka mu mutwe. Urukiko mu rubanza RPAA00004/2021/HC/KIG rushingiye ku mvugo z'abatangabuhamya no ku kwemera icyaha kwa Kalimunda mu bugenzacyaha, rushingiye no ku gikoresho yakoresheje no gice cy'umubiri yakubise, rwemeje ko ubujurire bwa Karimunda nta shingiro bufite ariko rumugabanyiriza igihano rumuhanisha igifungo cy'imyaka cumi n'itanu (15) mu rwego rwo guhuza igihano n'uburemere bw'icyaha. Karimunda yongeye kujurira mu Rukiko rw'Ubujurire, asaba kongera kugabanyirizwa igihano ngo kuko Urukiko Rukuru rutakigabanyije ku buryo buhagije kandi yaremeye ko yakubise Mukangendo isuka ariko akaba nta mugambi yari afite wo kumwica. Naho mu mwanzuro w'inyongera wakozwe n'umwunganira asaba ko inyito y'icyaha Karimunda yahamijwe ihinduka agahanirwa icyaha cyo gukubita cyangwa gukomeretsa byagambiriwe aho kuba ubwinjiracyaha bw'ubwicanyi kuko yateye kwa Mukangendo Béatrice agiye kumwiba; asaba kandi ko uwo yunganira agabanyirizwa igihano. Ubushinjacyaha buvuga ko ubujurire bwa Karimunda nta shingiro bufite kuko atabasha kuvuguruza ibyashyingiweho n'Urukiko rumuhamya icyaha cy'ubwinjiracyaha bw'ubwicanyi, busaba ko hagumaho imikirize y'urubanza rwajuririwe. Urukiko mu rubanza RPAA00219/2024/CA rwemeje ko ubujurire bwa karimunda nta shingiro bufite kuko icyaha kimuhama ari ubwinjiracyaha mu bwicanyi kandi ko yaganyirijwe igihano ku buryo buhuye n'uburemere bw'icyaha kimuhama.

Page 2

Incamake y'icyemezo: 1. Mu kumenya niba uwakubise undi ku bushake yari afite umugambi wo kumwica cyangwa niba yari agamije gusa kumukubita cyangwa kumukomeretsa bisuzumirwa mu cyakoreshejwe (intwara ishobora kwica) mu kumukubita no ku gice cy'umubiri cyakubiswe (mu cyico)". Bityo, umumuntu ukubise undi isuka mu mutwe inshuro irenze imwe nta gushidikanya ko aba agamije kumwica.

2. Urukiko ntirutegetswe kwemeza impamvu nyoroshyacyaha igihe cyose zigaragajwe ngo rugabanyirize uregwa igihano, ahubwo ruzemeza mu bushishozi bwarwo, kandi rukaba rushobora no kwanga kuzemeza nk'impamvu ngabanya gihano, rushingiye ku mikorere y'icyaha uregwa akurikiranyweho cyangwa uburyo yagikozemo. Ubujurire nta shingiro bufite. Amategeko yashyingiweho: Itegeko N° 68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 ryo ku wa 30/08/2018 riteganyira ibyaha n'ibihano muri rusange Ingingo ya 21 Imanza zifashishijwe: Urubanza RPAA 0110/10/CS haburana Ubushinjacyaha na UWAMURENGEYE, rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga ku wa 31/01/2014 (rwatangajwe mu Cyegeranyo cy'ibyemezo by'inkiko RLR V1- 2014, p.133-140) Urubanza RPAA 00158/2024/CA haburana Ubushinjacyaha na

HUSSEIN Faustin rwaciwe n'Urukiko rw'Ubujurire ku wa 17/04/2025 (igika cya 19). Urubanza RPAA 0021/14/CS -N° RPAA 0022/14/CS haburana Ubushinjacyaha na UZABAKIRIHO Bernard rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga ku wa 13/10/2017, Urubanza RPAA 00833/2024/CA rwaciwe kuwa 29/04/2025 haburana Ubushinjacyaha na NGEREJAHU Télésphore (igika cya 15). Urubanza. I. IMITERERE Y'URUBANZA [1] Ku wa 21/11/2019 mu Mudugudu wa Nyakabungo, Akagari ka Cyamuganga, Umurenge wa Mukarange, Akarere ka Gicumbi mu gihe cya saa yine z'amanywa, uwitwa Mukangendo Béatrice warimo kubagara munsu y'urugo rwe yumvise intama yari yasize mu nzu zihabereye aya kureba icyo zibaye, ahageze asanga urugi rw'inzu rukinguye akinjira asangamo uwitwa Karimunda ahita amukubita igifunga cy'isuka, Muhorakeye bari kumwe babagara yumvise aya kureba, asanga aramubonye hasi Karimunda arimo kumukubita igifunga cy'isuka mu mutwe, uyu amubonye ahita yiruka, Muhorakeye avuye induru abantu barimo basoroma icyayi batangatanga Karimunda baramufata, ashidikirizwa inzego z'ikurikiranacyaha. [2] Iperereza rirangiye Ubushinjacyaha bwareze Karimunda mu Rukiko Rwisumbuye rwa Gicumbi bumukurikiranyeho ubwinjiracyaha mu cyaha cy'ubwicanyi, busaba ko kimuhama agahanishwa igifungo cya burundu. Karimunda yaburanye avuye ko atakubise Mukangendo Béatrice isuka, ko ahubwo yamusabye umuti w'umwana undi aramusunika Karimunda nawe ahita amusunika agwira amasuka yari aho mu nzu. [3] Mu rubanza RP00007/2020/TGI/GIC rwaciwe n'Urukiko Rwisumbuye rwa Gicumbi kuwa 04/11/2020 rwemeje ko Karimunda ahamwe n'ubwinjiracyaha mu cyaha cy'ubwicanyi rumuhanisha

Page 3

igifungo cy'imyaka 25, rushingiye ku mvugo ya Karimunda mu Bugenzacyaha aho yemeye ko igikomere Mukangendo Béatrice afite gikomoka ku gukomeretswa n'isuka; imvugo ya Mukangendo Béatrice umushinja ko yamuhondaguye isuka mu mutwe, imvugo z'abatangabuhamya barimo Muhoracyeye ushinje Karimunda ko yamusanze ahondagura Mukangendo Béatrice isuka mu mutwe, Karushya Jean Bosco wavuye ko yatabaye agasanga Mukangendo Béatrice arimo kuviririrana amaraso, n'ifoto igaragaza uko Mukangendo Béatrice yakomerereye mu mutwe. [4] Karimunda yajuririye Urukiko Rukuru avuye ko ibikorwa yakozeho bigize icyaha cyo gukubita no gukomeretsa kuko atari agambiriye kwica Mukangendo Béatrice, asaba Urukiko kwemeza ko ari cyo kimuhama kandi rukamugabanyiriza igihano. [5] Uhagarariye ubushinjacyaha yaburanye avuye ko ubujurire bwa Karimunda nta shingiro bufite kuko ibikomere Mukangendo Béatrice yatewe bigaragaza ko Karimunda yamukubise isuka mu mutwe. [6] Mu rubanza RPA00004/2021/HC/KIG rwaciwe n'Urukiko Rukuru ku wa 21/03/2024, rwemeje ko ubujurire bwa Karimunda nta shingiro bufite rushingiye ku mpamvu zikurikira: Kuba imvugo y'uwakorewe icyaha n'imvugo z'abatangabuhamya zashingiweho n'Urukiko ku rwego rubanza rumuhamya icyaha cy'ubwinjiracyaha bw'ubwicanyi ari ibimenyetso bigaragaza ko Karimunda yakubise Mukangendo Béatrice isuka mu mutwe, bitandukanye n'imiburanire ye yuko yamusubitse akagwa mu masuka; bikaba kandi binahura n'imvugo ya Karimunda mu Bugenzacyaha aho yemeye ko yamukubise isuka agira ngo atamutabariza kuko yari amusanze mu nzu ye yagiye kumwiba; Kuba Karimunda yarakubise Mukangendo Béatrice isuka (igikoreshe

gityaye kandi cyica) akayimukubita mu mutwe (mu cyico), ntibyakwitwa gukubita cyangwa gukomeretsa gusa ahubwo bigaragaza ko hari hagambiriwe ubwicanyi, hashingiwe ku murongo watanze mu rubanza RPAA00333/2021/CA rwaciwe ku wa 19/09/2022 haburana Ubushinjacyaha na Dukuzumuremyi wari ukurikiranyweho icyaha cy'ubwicanyi, ukaba wanakoreshwa ku bwinjiracyaha bw'ubwicanyi kuko umugambi uba ari umwe wo kwica. [7] Muri urwo rubanza kandi Urukiko Rukuru rubyibwirije rwagabanyirije Karimunda igihano mu rwego rwo kugihuza n'uburemere bw'icyaha, rutegeka ko ahanisha igifungo cy'imyaka 15. [8] Karimunda yongeye kujurira mu Rukiko rw'Ubujurire, urubanza rwandikwa kuri RPAA00219/2024/CA, ruburanishwa mu ruhamye kuwa 06/05/2025 yunganiwe na Me Karatwa Denise na Me Musabe Frank, naho Ubushinjacyaha buhagarariwe na Sibomana Stanislas, Umushinjacyaha ku rwego rw'Igihugu. [9] Mu bujurire bwe Karimunda asaba kongera kugabanyirizwa igihano ngo kuko Urukiko Rukuru rutakigabanyije ku buryo buhagije kandi yaremeye ko yakubise Mukangendo Béatrice isuka ariko akaba nta mugambi yari afite wo kumwica. Naho mu mwanzuro w'inyongera wakoze n'umwunganira kuwa 21/03/2025 asaba ko inyito y'icyaha Karimunda yahamijwe ihinduka agahanirwa icyaha cyo gukubita cyangwa gukomeretsa byagambiriwe aho kuba ubwinjiracyaha bw'ubwicanyi kuko yateye kwa Mukangendo Béatrice agiye kumwiba; asaba kandi ko uwo yunganira agabanyirizwa igihano. [10] Uhagarariye Ubushinjacyaha avuga ko ubujurire bwa Karimunda nta shingiro bufite kuko atabasha kuvugurura ibyashyigirweho n'Urukiko rumuhamya icyaha cy'ubwinjiracyaha bw'ubwicanyi, imikuriza y'urubanza rwajurirwe ikaba ikwiraye kugumaho.

1 Mu rubanza rujuriyirwa Urukiko rwasobanuye ko uwo murongo uvuye ku mu kumenya niba uwakubise undi ku bushake yari afite umugambi wo kumwica cyangwa niba yari agamije gusa kumukubita cyangwa kumukomeretsa bisuzumirwa mu cyakoreshejwe (intwari ishobora kwica) mu kumukubita no ku gice cy'umubiri cyakubiswe (mu cyico).

Page 4

[11] Hashingiwe ku mpaka zagaragajwe haruguru, Urukiko rurasuzuma ibibazo bikurikira bigize urubanza: Kumenya niba ibikorwa Karimunda ashinjwa bigize icyaha cyo gukubita cyangwa gukomeretsa byagambiriwe aho kuba ubwinjiracyaha bw'ubwicanyi; Kumenya niba igihano Karimunda yahanishijwe mu rubanza rujuriyirwa gishobora kongera kugabanywa. II. ISESENGURA RY' IBIBAZO BIGIZE URUBANZA Kumenya niba ibikorwa Karimunda ashinjwa bigize icyaha cyo gukubita cyangwa gukomeretsa byagambiriwe aho kuba ubwinjiracyaha bw'ubwicanyi [12] Me Karatwa Denise na Me Musabe Frank bavuye ku mu rubanza rujuriyirwa Urukiko rwahamije Karimunda icyaha cy'ubwinjiracyaha bw'ubwicanyi rwirengagijwe ko ibikorwa yakozwe bigize icyaha cyo gukubita cyangwa gukomeretsa byagambiriwe. Basobanura ko yagiye kwa Mukangendo Béatrice nta mugambi afite wo kumwica ahubwo icyo yari agamije ari ukwiba gusa, n'isuka yamukubise mu mutwe akaba ari iyo yasanze aho kandi abikorwa igihungu agira ngo yiruke atamuhururiza kuko yatinyaga ko navuze induru hakagira abatabara ari bufatwe. [13] Abunganira Karimunda bakomeza basobanura ko mu rubanza rujuriyirwa icyasuzumwaga ari ubwinjiracyaha bw'ubwicanyi, bityo umurongo watanze mu rubanza RPAA00333/2021/CA rwaciwe ku wa

19/09/2022 haburana Ubushinjacyaha na Dukuzumuremyi ukaba utaragombaga gushingirwaho kuko urebana n'icyaha cy'ubwicanyi; bagasaba uru Rukiko kubikosora rukemeza ko Karimunda ahamwa n'icyaha cyo gukubita cyangwa gukomeretsa byagambiriwe. [14] Uhagarariye Ubushinjacyaha avuga ko iyi mpamvu y'ubujurire nta shingiro ifite kuko mu rubanza rujuririrwa Urukiko Rukuru rwasobauye impamvu rwashingiyeho rwemeza ko ibikorwa Karimunda yakoze bitari bigamije gukubita cyangwa gukomeretsa gusa ahubwo byaganishaga ku cyaha cy'ubwicanyi, harimo nko kuba yaramukubise isuka (igikoreshe gishobora kwica) kandi akayimukubita mu mutwe (mu cyico); no ku mvugo y'umutangabuhamya witwa Muhorakeye wasobanuye ko yasanze Mukangendo Béatrice aryamye hasi Karimunda arimo kumukubita isuka mu mutwe, uyu yamubona agahita yiruka, bikaba rero byumvikana ko iyo Muhorakeye atahagoboka ngo amuteshe Karimunda yari kumwica. [15] Uhagarariye Ubushinjacyaha avuga ko imiburanire y'abunganira Karimunda y'uko yamukubise isuka agira ngo agende atamuvugirije induru nta gaciro yahabwa kuko iyo aza kuba aricyo agamije atari kumukubita isuka mu mutwe ahubwo yari gukubita ku bindi bice by'umubiri nko ku maboko cyangwa ku maguru. Asoza asaba Urukiko kwemeza ko Karimunda ahamwa n'ubwinjiracyaha kuko nta kimenyetso yatanze kivuguruza ibyashingiyeho mu rubanza yajuririye. UKO URUKIKO RUBIBONA [16] Impaka kuri iyi ngingo zishingiye ku kumenya niba ibikorwa Karimunda ashinjwa bigize icyaha cyo gukubita cyangwa gukomeretsa byagambiriwe aho kuba ubwinjiracyaha bw'ubwicanyi. [17] Ingingo ya 21 y'Itegeko N° 68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 riteganyaga ibyaha n'ibihano muri rusange iteganyaga, mu gika cyayo cya mbere, ko "Ubwinjiracyaha buhanirwa iyo umugambi wo gukora icyaha wagaragajwe n'igikorwa kimwe cyangwa byinshi biboneka, bidashidikanywa by'intangiriro y'icyaha biganisha ku ikorwa ryacyo, nyuma bigahagarikwa, bikabuzwa kugera ku cyifuzo cyangwa bikazitirwa n'impamvu zidakomoka ku bushake bwa nyir'ugukora icyaha;" naho mu gika cya 3

Page 5

igateganyaga ko "ubwinjiracyaha bw'icyaha gihanishwa igifungo cya burundu buhanishwa igihano cy'igifungo kingana n'imyaka (25)"; mu gihe ingingo ya 107 nayo y'iryo Tegeko iteganyaga ko "Umuntu wica undi abishaka, aba akoze icyaha. Iyo abihamijwe n'Urukiko, ahanishwa igihano cy'igifungo cya burundu". [18] Nk'uko byasobanuwe mu rubanza RPAA0110/10/CS rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga ku wa 31/01/2014 haburana Ubushinjacyaha na Uwamurengeye (rwatangajwe mu Cyegeranyo cy'ibyemezo by'inkiko RLR V1-2014, p.133-140), "Mu kumenya niba uwakubise undi ku bushake yari afite umugambi wo kumwica cyangwa niba yari agamije gusa kumukubita cyangwa kumukomeretsa bisuzumirwa mu cyakoreshejwe (intwari ishobora kwica) mu kumukubita no ku gice cy'umubiri cyakubiswe (mu cyico)"; uwo murongo kandi wakomeje gukurikizwa no mu zindi manza zaciwe n'uru Rukiko, mu ziheruka gucibwa twavugaga nk'urubanza RPAA00158/2024/CA rwaciwe ku wa 17/04/2025 haburana Ubushinjacyaha na HUSSEIN Faustin (igika cya 19). [19] Ku birebana n'uru rubanza, dosiye igaragaza ko mu ibazwa rye mu Bugenzacyaha Mukangendo Béatrice wakorewe icyaha yasobanuye ko yari mu murima arimo kubagara na mugenzi we (Muhoracyeye) yumva iwe mu rugo intama ihebeba ajya kureba ahageze

asanga urugi rukinguye baruciye, yinjiye asangamo Karimunda, uyu amubonye afata isuka yari mu nzu ayimukubita mu mutwe anamufata mw'ijosi atangira kurigoronzora amuniga ashaka kumwica; yongera no gufata isuka amukubita mu mutwe bakomeza kugundagurana agwa hasi yongera kumukubita isuka mu mutwe inshuro ya gatatu; hari kandi n'umutangabuhamya witwa Muhoracyeye wasobanuye mu ibazwa rye mu Bugenzacyaha, ko yumvise Mukangendo Béatrice ataka avuga ko bamwishe, agiye kureba asanga aryamye hasi Karimunda arimo kumukubita isuka mu mutwe; dosiye kandi igaragaza ifoto ya Mukangendo Béatrice igaragaza yakomerekejwe mu mutwe. [20] Urukiko rw'Ubujurire rurasanga nk'uko Urukiko Rukuru rwabibonye, ibimenyetso byavuzwe haruguru bigizwe n'imvugo ya Muhorakeye wemeza ko yaje atabaye agasanga Mukandengo Béatrice aryamye hasi Karimunda arimo kumukubita isuka mu mutwe, imvugo ya Mukandengo Béatrice wahohotewe nawe wavuze ko Karimunda yamukubise isuka mu mutwe inshuro zigera kuri eshatu, n'ifoto igaragaza ko yari afite ibikomere birenze kimwe mu mutwe, mu miburanire ye Karimunda nawe akaba yemera ko yamukubise isuka mu mutwe, birebawe hamwe bigaragaza ubushake bwo kwica hashingiwe ku murongo wagaragajwe haruguru (mu gika cya 18 cy'uru rubanza) harebwe igikoreshe amukubita (isuka ishobora kwica) n'aho yayimukubise (mutwe) kandi inshuro irenze imwe; kuba Mukandengo Béatrice atarapfuye bikaba bitaraturutse ku bushake bwa Karimunda ahubwo ari ku bw'amahirwe, kuko Muhoracyeye yamutesheje ubwo yazaga atabaye agasanga arimo amukubita isuka mu mutwe, yamubona agahita yiruka. [21] Urukiko rw'Ubujurire rurasanga kandi imyiregurire ya Karimunda y'uko iyo aba agamije kumwica yari kujya iwe ari nijoro kandi yitwaje isuka kandi bakaba ntacyo bari basanzwe bapfa, ntacyo yahindura ku bikorwa byakozwe n'uburyo byakozwemo, kuko hashingiwe ku byasobanuwe haruguru bishingirwaho hagaragazwa ubushake bwo kwica. Kumenya niba Karimunda akwiriye kongera kugabanyirizwa igihano [22] Karimunda n'abamwunganira basaba ko igihano cy'igifungo cy'imyaka 15 yahanishijwe cyongera kugabanywa kuko yicuza ibyo yakoze kandi agasaba imbabazi ndetse ubu akaba yaramaze kugororoka, bityo akabasha gusubira mu muryango nyarwanda akiri muto no kugira icyo yimarira. [23] Uhagarariye Ubushinjacyaha avuga ko Karimunda yagabanyirijwe igihano mu buryo buhagije kikaba kitakongera kugabanywa cyane cyane ko atagaragaza niba urukiko rubanza rwaba rwarakoresheje nabi itegeko cyangwa ubushishozi bwarwo mu kumugenera igihano.

Page 6

UKO URUKIKO RUBIBONA [24] Impaka kuri iyi ngingo zishingiye ku kumenya niba igihano cy'igifungo cy'imyaka 15 Karimunda yahanishijwe kubera icyaha cy'ubwinjiracyaha bw'ubwicanyi yahamijwe gishobora kongera kugabanywa hashingiwe ku mpamvu nyoroshyacyaha. [25] Nk'uko byemejwe mu rubanza RPAA0021/14/CS - RPAA 0022/14/CS rwaciye n'Urukiko rw'Ikirenga ku wa 13/10/2017 haburana Ubushinjacyaha na Uzabakiriho Bernard2, Urukiko ntirutegetswe kwemeza impamvu nyoroshyacyaha igihe cyose zigaragajwe ngo rugabanyirize uregwa igihano, ahubwo ruzemeza mu bushishozi bwarwo, kandi rukaba rushobora no kwanga kuzemeza nk'impamvu ngabanya gihano, rushingiye ku mikorere y'icyaha uregwa akurikiranyweho cyangwa uburyo yagikozemo. Uyu murongo ni nawo wakomeje

gukurikizwa mu zindi manza zaciwe n'uru Rukiko, mu ziheruka gucibwa harimo nk'urubanza RPAA00833/2024/CA rwaciwe kuwa 29/04/2025 haburana Ubushinjacyaha na Ngerejaho Téléphone (igika cya 15). [26] Nk'uko bigaragara mu bika bya 18 na 19 by'urubanza rujuririrwa, Urukiko Rukuru rwagabanyirije Karimunda igihano, ahanishwa igihano cy'igifungo cy'imyaka 15 ; mu bujurire bwe kuri uru rwego agasaba ko cyongera kugabanywa. [27] Urukiko rw'Ubujurire rurasanga mu bushishozi bwarwo, igihano Karimunda yahanishijwe gihuye n'uburemere bw'icyaha yakoze akubita Mukandengo Béatrice isuka mu mutwe inshuro irenze imwe akanamukomeretsa nk'uko byagaragajwe mu bika bibanza, bityo kikaba kidakwiriye kongera kugabanywa. III. ICYEMEZO CY'URUKIKO [28] Rwemeje ko ubujurire bwa Karimunda nta shingiro bufite. [29] Rwemeje ko urubanza RPA00004/2021/HC/KIG rwaciwe n'Urukiko Rukuru ku wa 21/03/2024 rudahindutse mu ngingo zarwo zose. [30] Rwemeje ko igifungo cy'imyaka cumi n'itanu (15) Karimunda yahanishijwe kigumyeho. [31] Rutegetse ko Karimunda asonewe amagarama y'urubanza kuko aburana afunze.

2 Uru rubanza rwatangajwe mu Cyegeranyo cy'ibyemezo by'Inkiko {2018} 4 RLR

Source & reproduction note

Judgment wording, source notices and original paragraph numbers are retained. Esheria supplies the layout and this PDF's page numbers; these are not the source pagination. This is a research copy, not an official or certified court document. Check quotations, citations and publication restrictions against the original source before relying on it.

ORIGINAL SOURCE <https://www.amategeko.gov.rw/view/doc/9733/10223>

CASE PAGE <https://chat.esheria.ai/case-law/rwanda/karimunda-Attemptedmurder-court-of-appeal-2025--6a3ea5233b1caa9129818bd3>

Prepared on 12 October 2026 · Esheria